# ISCID asbl

Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

**Itangazo rigenewe abanyamakuru**

**KUBAKA AMAHORO ARAMBYE MU KARERE:**

**Ese Kagame n'abambari biteguye kubyakira ku neza?**

Tariki ya 16 Gicurasi 1998, tariki ya 16 Gicurasi 2025: imyaka 27 irashize Seth Sendashonga yiciwe i Nairobi muri Kenya. Perezida w'u Rwanda Paul Kagame yigambye kuba ariwe wari inyuma y'icyo gikorwa cy'ubwicanyi bwahitanye umwe mu banyarwanda baharaniye ubumwe n'ubwiyunge, aba n'impirimbanyi ya demokarasi n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Iyi sabukuru ibaye mu gihe u Rwanda ruhanzwe amaso n'isi yose kubera intambara rwashoye mu burasirazuba bwa Kongo, rukaba rusabwa kuyihagarika.

Ikigo kitiriwe Nyakwigendera Seth Sendashonga (Institut Seth Sendashonga pour la citoyenneté démocratique, ISCID asbl) kirihanganisha abantu bose bahekuwe cyangwa bagizweho izindi ngaruka n'iyo ntambara, kikaba kiboneyeho kugeza ku Banyarwanda no ku nshuti z'u Rwanda ubutumwa bukurikira:

1) Igihugu cyacu kiri mu bibazo bikomeye kandi by'urusobe ahanini bishingiye kuri politiki FPR Inkotanyi igenderaho kuva yafata ubutegetsi mu w'1994. Iyo politiki y'ubuhezanguni no kumena amaraso Nyakwigendera Seth Sendashonga yarwanije yivuye inyuma bikamuviramo kwicwa niyo ihekura ubutitsa imiryango myinshi y'abanyarwanda, ikaba ndetse yararenze imbibi z'u Rwanda ijya no guhekura abaturanyi bacu bo muri Repuburika iharanira demokarsasi ya Kongo. Imyaka ibaye hafi 30 Perezida Paul Kagame n'abambari be biyemeje gushoza intambara za hato na hato muri icyo gihugu nta kindi kigamijwe uretse ubusahuzi bw'amabuye y'agaciro n'indi mitungo yacyo. Institut Seth Sendashonga yongeye gushimangira ko iyo politiki ya FPR yo kumena amaraso, haba mu Rwanda, haba no mu baturanyi, nta cyiza yageza ku gihugu cyacu uretse kugihindura ruvumwa, amahanga yose akacyamagana. Niyo mpamvu abadufashaga ubu badushyize ku bihano byongera inzara n'ubukene. Nguwo umusaruro wa politiki mbi ya FPR: gushyira abanyarwanda n'abatuye akarere bose mu kaga!

2) Haravugwa ikizere cy'uko amasezerano y'amahoro hagati y'u Rwanda na Kongo yashyirwaho umukono mu byumweru biri imbere. Ese icyo kizere gifite amahirwe angana iki? Amateka ya FPR Inkotanyi yerekana ko nta gaciro yigeze iha amasezerano nk'ayo. Twakwibutsa ko amahano yagwiriye u Rwanda muw'1994 yabaye nyuma y'uko FPR irenze ku masezerano yari yarashyizweho umukono igahanura indege y'uwari umukuru w'igihugu, Perezida Yuvenali Habyarimana, agapfana n'abo bari kumwe bose, barimo Sipiriyani Ntaryamira wari umukuru w'igihugu cy'u Burundi. Amasezerano arimo gutegurirwa i Washington muri leta zunze ubumwe z'Amerika n'i Doha muri Qatar niba ashyizweho umukono kuyubahiriza bizasaba ingufu zikomeye. Mu by'ukuri kuri Perezida Kagame gukura ingabo z'u Rwanda muri Kongo ni ugutsindwa intambara yashoje akaba ayimazemo imyaka hafi 30, intambara yatanzeho byinshi kandi yaguyemo ibitambo byinshi. Byongeye kandi azaba yambuwe ubushobozi bwo gusahura amabuye y'agaciro kandi ariyo yubakiyeho ingufu zo gukomeza ubutegetsi bwe. Niyo mpamvu adatinya kugereranya ibyo kuvana ingabo ze muri Kongo no kumwica. Ntabwo rero byatungurana agiye gusinya ku mpamvu z'igitutu ariko akazaba arimo gutegura izindi nzira zo kuburizamo ayo masezerano.

3) Institut Seth Sendashonga irashimangira ko inzira y'amahoro arambye mu karere k'ibiyaga bigari ikwiye gushakirwa ahanini mu mpinduka zatuma abaturage ba buri gihugu barushaho kwisanzura, bagashyiraho ubutegetsi bibonamo kandi bwubahiriza amategeko. Ubutegetsi nk'ubwo nibwo bwatuma ibibazo by'impunzi bikemuka burundu. Tuributsa ko umutwe wa FDRL wakomeje kugirwa urwitwazo rwo kohereza ingabo z'u Rwanda muri Kongo ukomoka ku mpunzi zimaze imyaka irenga 30 mu mashyamba y'icyo gihugu aho zagabweho ibitero bitabarika byahitanye ibihumbi n'ibihumbi muri zo (reba Mapping report). Muri iyo myaka yose ubutegetsi bwa Perezida Paul Kagame n'ishyaka rya FPR bwafunze amarembo ya politiki, bushyiraho ingamba zo guheza no kujujubya igice kinini cy'abanyarwanda batabwibonamo, cyane cyane ababuhunze kubera amateka mabi igihugu cyaciyemo. Ni muri urwo

rwego tubona ko gukemura ikibazo cy'imitwe yitwaje intwaro bikwiye kuba imbarutso yo gusuzuma cyangwa kuvugurura imitegekere y'ibihugu iyo mitwe ikomokamo. Igihe cyose uri ku butegetsi azabukoresha mu nyungu ze bwite agafata abo batavuga rumwe nk'abanzi b'igihugu, intambara ntakizazibuza kubaho. Kwimakaza amahoro ni uguha abaturage bose amahirwe angana, buri wese agahabwa uburenganzira bwo gukora ibihuje n'impano ze cyangwa ubushobozi bwe.

4) Kubaka amahoro arambye birasaba ishyirwaho ry'ingamba z'urujya n'uruza ndetse n'ubuhahirane hagati y'abaturage basangiye akarere. Nyuma y'intambara ya kabiri y'isi ibihugu by'iburayi byari bishyamiranye byashinze umuryango w'ubukungu bihuriyeho, uwo muryango ushimangira amahoro, ibyari intambara zitajyaga zihosha bisimburwa n'ubuhahirane ndetse n'urujya n'uruza hagati y'abaturage b'ibyo bihugu. Kuki twebwe iyo nzira atariyo twayoboka? Ese birakwiye ko ibihugu byacu bikomeza kumarira ingufu zabyo mu kugura indege z'intambara n'ibindi bitwaro bya karahabutaka nk'ibyo tumaze igihe tubona bica ibintu mu burasirazuba bwa Kongo mu gihe abo baturage bashyirwa mu ntambara ntacyo bapfa? U Rwanda ni igihugu gito kandi gituwe cyane. Rufite inyungu yo gufata iya mbere mu gushyigikira politiki y'urujya n'uruza n'ubuhahirane mu karere nk'igisubizo kirambye ku mahoro n'umutekano warwo ndetse n'uw'akarere.

5) Kuba hashize imyaka hafi 30 intambara  ziyogoza akarere k'uburasirazuba bwa Kongo ku mpamvu zimwe, abashoza izo ntambara bazwi neza kandi ari bamwe, ni ikimenyetso gikomeye cy'uko umuco wo kudahana ariwo nyina w'ubwicanyi n'andi marorerwa yose yakorewe abaturage bo muri kariya karere. Institut Seth Sendashonga yongeye gushimangira ko ingamba zo gushyikiriza ubutabera abakoze ibyaha muri izo ntambara zidakwiye kuba amagambo gusa ahubwo zashyirwa mu bikorwa bidatinze.

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 16/05/2025

Jean Claude Kabagema

Président wa Iscid asbl

